REPUBLIQUE RWANDAISE

D/034/2

Kigali, le 14 NOV. 1997

N° 1840/18.19

MINISTERE DE LA FONCTION PUBLIQUE
ET DU TRAVAIL
B.P. 403 Kigali

URGENT

Réf. N° :

Madamu, Bwana Minisitiri (Bose)
Madamu, Bwana Munyamabanga wa Leta (Bose)
KIGALI

Annexe :

Objet : **Gusaba inkunga mu kwiga imiterere y'imirimo-ngombwa muri Leta.**

Madamu, Bwana Minisitiri,
Madamu, Bwana Munyamabanga wa Leta,

Mpereye ku ibaruwa yanjye n° 1704/18.19 yo kuwa 27 Ukwakira 1997 yerekeranye no kugisha inama no gusaba inkunga abagize inama y'abaminisitiri, ndabamenyesha ko imirimo yo kwiga imiterere y'imirimo-ngombwa yo mu butegetsi bwa Leta (cadres Organiques/Organic Structures) yatangiye. Ubu abakozi bashinzwe ako kazi batangiye kujya mu nzego z'imirimo ya Leta kugira ngo bigire hamwe n'abayobozi bo mu nzego zose, uko iyo mirimo yaba iteye.

Ndabasaba rero kubimenyesha abayobozi bose, haba hari n'abari mu biruhuko by'umwaka bakabisubukura bakazaba babifata ako kazi karangiye.

Abayobozi bo mu rwego rwo hejuru babimenyeshejwe nabo basabwe kubidufashamo kuko n'ako kazi kazakorwa mu nzego z'imirimo bayobora.

Murakoze mugire akazi keza.

**Dr Yosefu NSENGIMANA**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta
n'Umurimo

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Fonction Publique et du Travail

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko
- Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga

KIGALI